Ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.	Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
<u>Ingingo ya 13: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko</u>	<u>Article 13: Drafting, consideration and adoption of this Law</u>	<u>Article 13: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u>
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.	This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.	La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.
<u>Ingingo ya 14: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u>	<u>Article 14: Commencement</u>	<u>Article 14: Entrée en vigueur</u>
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 23 of 06/06/2016

Kigali, ku wa 20/05/2016

Kigali, on 20/05/2016

Kigali, le 20/05/2016

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
USINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des sceaux

ITEGEKO N° 21/05/2016 RYO KU WA 20/05/2016 RYEREKEYE UBUZIMA BW'IMYOROROKERE Y'ABANTU	LAW N° 21/05/2016 OF 20/05/2016 RELATING TO HUMAN REPRODUCTIVE HEALTH	LOI N° 21/05/2016 DU 20/05/2016 RELATIVE A LA SANTE DE LA REPRODUCTION HUMAINE
ISHAKIRO	TABLE OF CONTENTS	TABLE DES MATIERES
<u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u>	<u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u>
<u>Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije</u>	<u>Article One: Purpose of this Law</u>	<u>Article premier: Objet de la présente loi</u>
<u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u>	<u>Article 2: Definitions of terms</u>	<u>Article 2: Définitions des termes</u>
<u>Ingingo ya 3: Iby'ingenzi bigize ubuzima bw'imyororokere y'abantu</u>	<u>Article 3: Key components of human reproductive health</u>	<u>Article 3: Principales composantes de la santé de la reproduction humaine</u>
<u>Ingingo ya 4: Ububasha bwo gukurikirana ibikorwa bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu</u>	<u>Article 4: Authority to monitor and supervise human reproductive health-related activities</u>	<u>Article 4: Autorité de suivi et de supervision des activités liées à la santé de la reproduction humaine</u>
<u>UMUTWE WA II: UBURENGANZIRA MU BYEREKEYE UBUZIMA BW'IMYOROROKERE Y'ABANTU</u>	<u>CHAPTER II: RIGHTS IN TERMS OF HUMAN REPRODUCTIVE HEALTH</u>	<u>CHAPITRE II: DROITS EN MATIERE DE SANTE DE LA REPRODUCTION HUMAINE</u>
<u>Ingingo ya 5: Uburenganzira bungana ku buzima bw'imyororokere y'abantu</u>	<u>Article 5: Equal rights to human reproductive health</u>	<u>Article 5: Droits égaux à la santé de la reproduction humaine</u>
<u>Ingingo ya 6: Uburenganzira bw'umugore utwite, uwabyaye n'ubw'umwana wavutse</u>	<u>Article 6: Right of a pregnant woman, a woman who has given birth and the new-born</u>	<u>Article 6: Droit d'une femme enceinte, d'une femme ayant accouchée et du nouveau-né</u>
<u>Ingingo ya 7: Uburenganzira bwo kwifatira icyemezo</u>	<u>Article 7: Right to decide</u>	<u>Article 7: Droit de décision</u>

<u>Ingingo ya 8:</u> Uburenganzira bwo kugezwaho inyigisho n'ibikorwa by'ubuvuzi	<u>Article 8:</u> Right of access to education and medical services	<u>Article 8:</u> Droit d'accès à l'éducation et aux services médicaux
<u>Ingingo ya 9:</u> Uburenganzira bwo kudakorerwaho ibikorwa byahungabanya ubuzima bw'imyororokere y'abantu	<u>Article 9:</u> Right not to be subjected to any act likely to be harmful to human reproductive health	<u>Article 9:</u> Droit de ne pas être l'objet de tout acte pouvant nuire à la santé de la reproduction humaine
<u>Ingingo ya 10:</u> Uburenganzira mu bijyanye no kwipimisha virusi itera SIDA	<u>Article 10:</u> Right in terms of HIV/AIDS testing	<u>Article 10:</u> Droit en matière de test de dépistage du VIH/SIDA
<u>Ingingo ya 11:</u> Uburenganzira bwo guhabwa serivisi n'ubuvuzi k'uwanduye virusi itera SIDA	<u>Article 11:</u> HIV/AIDS infected person's right to services and medical care	<u>Article 11:</u> Droit d'une personne infectée par le VIH/SIDA aux services et soins de santé
<u>UMUTWE WA III:</u> INSHINGANO MU BYEREKEYE UBUZIMA BW'IMYOROROKERE Y'ABANTU	<u>CHAPTER III:</u> OBLIGATIONS RELATING TO HUMAN REPRODUCTIVE HEALTH	<u>CHAPITRE III:</u> OBLIGATIONS EN MATIERE DE SANTE DE LA REPRODUCTION HUMAINE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inshingano z'abantu ku giti cyabo	<u>Section One:</u> Obligations of individuals	<u>Section première:</u> Obligations des personnes à titre individuel
<u>Ingingo ya 12:</u> Kwirinda no kurinda abandi icyahungabanya ubuzima bw'imyororokere y'abantu	<u>Article 12:</u> Avoidance of any harm against one's human reproductive health and that of the others	<u>Article 12:</u> Prévention contre l'atteinte à la santé de la reproduction humaine personnelle et à celle des autres
<u>Ingingo ya 13:</u> Kwirinda no kurinda abandi indwara zandurira mu myanya ndangagitsina	<u>Article 13:</u> Self-protection and protection of others against sexually transmitted diseases	<u>Article 13:</u> Autoprotection et protection des autres contre les maladies sexuellement transmissibles
<u>Ingingo ya 14:</u> Kuganiriza abana ibyerekeye ubuzima bw'imyororokere y'abantu	<u>Article 14:</u> Discussion with children about human reproductive health	<u>Article 14:</u> Entretenir les enfants de la santé de la reproduction humaine
<u>Icyiciro cya 2:</u> Inshingano za Leta, iz'ibigo byayo, iz'ibindi bigo bifite ubuzima bw'imyororokere y'abantu mu nshingano zabyo n'abafatanyabikorwa	<u>Section 2:</u> Obligations of the Government, public institutions, other institutions in charge of human reproductive health and partners	<u>Section 2:</u> Obligations de l'Etat, des établissements publics, d'autres institutions ayant la santé de la reproduction humaine dans leurs attributions et des partenaires

<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano za Leta mu rwego rwo guteza imbere ubuzima bw'imyororokere y'abantu	<u>Article 15:</u> Obligations of the Government to promote human reproductive health	<u>Article 15:</u> Obligations de l'Etat dans la promotion de la santé de la reproduction humaine
<u>Ingingo ya 16:</u> Kwita ku mugore utwite, urimo kubyara, uwabyaye no ku mwana wavutse	<u>Article 16:</u> Care for a pregnant woman, a woman giving birth, a woman who has given birth and a new-born	<u>Article 16:</u> Soins pour une femme enceinte, une femme qui accouche, une femme ayant accouché et un nouveau-né
<u>Ingingo ya 17:</u> Kwegereza imiti n'ubuvuzi bya ngombwa ababikeneye	<u>Article 17:</u> Providing necessary medicines and health services closer to those in need thereof	<u>Article 17:</u> Rapprocher les médicaments et les services de santé nécessaires à ceux qui en ont besoin
<u>Ingingo ya 18:</u> Gutanga serivisi zinoze mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu	<u>Article 18:</u> Provision of good services related to human reproductive health	<u>Article 18:</u> Prestation de bons services en rapport avec la santé de la reproduction humaine
<u>Ingingo ya 19:</u> Gutanga inyigisho zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu mu mashuri	<u>Article 19:</u> Education in schools regarding human reproductive health	<u>Article 19:</u> Education en rapport avec la santé de la reproduction humaine à l'école
<u>Ingingo ya 20:</u> Gukangurira abantu kuboneza urubyaro	<u>Article 20:</u> Public awareness about family planning	<u>Article 20:</u> Sensibilisation de la population à la planification familiale
<u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 21:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 21:</u> Repealing provision	<u>Article 21:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 22:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 22:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 22:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 23:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 23:</u> Commencement	<u>Article 23:</u> Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 21/2016 RYO KU WA 20/05/2016
RYEREKEYE UBUZIMA
BW'IMYOROROKERE Y'ABANTU**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI
YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29
Werurwe 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane
cyane mu ngingo zaryo, iya 10, iya 14, iya 16, iya 18,
iya 19, iya 45, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90,
iya 91, iya 106, iya 120, iya 168, n'iya 176,

**LAW N° 21/2016 OF 20/05/2016 RELATING TO
HUMAN REPRODUCTIVE HEALTH**

We, KAGAME Paul,
President of Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE
SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 29 March
2016;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 10, 14, 16, 18, 19, 45, 64, 69, 70, 88, 90, 91,
106, 120, 168 and 176;

**LOI N° 21/2016 DU 20/05/2016 RELATIVE A
LA SANTE DE LA REPRODUCTION
HUMAINE**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 29 mars
2016;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de
2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles
10, 14, 16, 18, 19, 45, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106,
120, 168 et 176;

Official Gazette n° 23 of 06/06/2016

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira ku by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo ku wa 16 Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko Teka n° 8/75 ryo ku wa 12/02/1975;	Pursuant to the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 16 December 1966 as ratified by the Decree-Law n° 8/75 of 12/02/1975;	Vu le Pacte international relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 16 décembre 1966 tel que ratifié par le Décret-loi n° 8/75 du 12/02/1975;
Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye uburenganzira bw'umwana yo ku wa 20 Ugushyingo 1989, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 773/16 ryo ku wa 19 Nzeli 1991;	Pursuant to the Convention on the Rights of the Child of 20 November 1989 as ratified by Presidential Order n°773/16 of 19 September, 1991;	Vu la Convention internationale relative aux Droits de l'Enfant du 20 novembre 1989 telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n°773/16 du 19 septembre 1991;
Ishingiye ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana yo kuwa 11 Kamena 1990 yemejwe n'Iteka rya Perezida no 11/01 ryo ku wa 30 Gicurasi 2001;	Pursuant to the African Charter on the Rights and Welfare of the Child of 11 June 1990 as ratified by Presidential Order n°11/01 of 30 May 2001;	Vu la Charte Africaine des droits et du bien-être de l'enfant du 11 juin 1990 telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n°11/01 du 30 mai 2001;
Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ariyo ryose rikorerwa abagore, yemejwe n'Inteko rusange ya Loni ku wa 18 Ukuboza 1979, yemezwa burundu n'Iteka rya Perezida n° 431/16 ryo ku wa 10 Ugushyingo 1980;	Pursuant to the Convention on the Elimination of All forms of Discrimination Against Women adopted by the United Nations Organization's General Assembly on 18 December 1979 as ratified by Presidential Order n°431/16 of 10 November 1980;	Vu la Convention internationale sur l'élimination de toutes les formes de discriminations à l'égard des femmes adoptée le 18 décembre 1979 par l'Assemblée Générale des Nations Unies et ratifiée par Arrêté Présidentiel n°431/16 du 10 novembre 1980;
Ishingiye ku Masezerano y'inyongera ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa Muntu n'ubw'abaturage yerekeranye n'uburenganzira bw'abagore muri Afurika, yemejwe n'Inama isanzwe y'Abakuru b'Ibihugu n'aba Guverinoma z'Ibihugu bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yateraniye i Maputo muri Mozambique ku wa 11 Nyakanga 2003 akemezwa burundu n'Iteka rya Perezida n° 11/01 ryo ku wa 24 Kamena 2004;	Pursuant to the Protocol to the African Charter on Human and People's Rights on the Rights of Women in Africa adopted by the Heads of States and Governments of member countries of the African Union, in Maputo, Mozambique, on 11 July 2003 and ratified by Presidential Order n°11/01 of 24 June 2004;	Vu le Protocole à la Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples relatif aux droits des femmes en Afrique adopté le 11 juillet 2003 par les Chefs d'Etat et des Gouvernements des pays membres de l'Union Africaine, à Maputo, Mozambique, et ratifié par Arrêté Présidentiel n°11/01 du 24 juin 2004;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko ryerekeye ubuzima bw'imyororokere y'Abantu.

This Law relates to human reproductive health.

La présente loi est relative à la santé de la reproduction humaine.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

For the purpose of this Law, the following terms have the following meanings:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **kuboneza urubyaro:** uburyo bufasha abantu kubyara umubare w'abana bifuza no kwirinda inda zitateganyijwe, hitawe ku mibereho myiza y'umwana, iy'umubyeyi n'iy'umuryango;

1° **family planning:** a way for people to attain their desired number of children and to avoid unwanted pregnancies, taking into account the welfare of the child, mother and family;

1° **planification familiale:** moyens permettant aux gens de mettre au monde le nombre d'enfants qu'ils désirent et d'éviter les grossesses non désirées, en tenant compte du bien-être de l'enfant, de la mère et de la famille;

2° **serivisi z'ubuzima bw'imyororokere y'abantu:** ibikorwa bitangwa n'amavuriro, ibigo binyuranye bifite abakozi babifitiye ubushobozi, n'abandi babihuguriwe na Minisiteri ibifite mu nshingano;

2° **human reproductive health services:** services provided by health facilities, varied centers with staff that have the relevant qualifications and other persons trained by the responsible Ministry;

2° **services de santé de la reproduction humaine:** services prestés par les formations sanitaires, divers centres ayant des agents qualifiés et d'autres personnes formées par le Ministère qui en est responsable;

3° **ubuzima bw'imyororokere y'abantu:** ubuzima bw'umuntu bwaba ubw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe, mu mibanire ye

3° **human reproductive health:** a state of human physical, mental and social well-being in all

3° **santé de la reproduction humaine:** bien-être général, tant physique, mental que social de la personne humaine, pour tout ce

n'abandi, mu birebana n'imyanya ndangagitsina, imikorere n'imikoreshereze yayo;

matters relating to the reproductive system and its functions and processes;

qui concerne le système reproductif, ses fonctions et son fonctionnement;

4° **umuntu udashobora kwifatira icyemezo:** umwana cyangwa umuntu ufite ubumuga bwo mu mutwe;

4° **incapable person:** a child or a person with mental disability;

4° **personne incapable:** un enfant ou une personne atteinte d'incapacité mentale;

5° **umwana:** umuntu wese utaruzuzwa imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

5° **child:** any person who is under eighteen (18) years old.

5° **enfant:** toute personne qui n'a pas encore atteint l'âge de dix-huit (18) ans.

Ingingo ya 3: Iby'ingenzi bigize ubuzima bw'imyororokere y'abantu

Article 3: Key components of human reproductive health

Article 3: Principales composantes de la santé de la reproduction humaine

Iby'ingenzi bigize ubuzima bw'imyororokere y'abantu ni ibi bikurikira:

Key components of human reproductive health are the following:

Les principales composantes de la santé de la reproduction humaine sont les suivantes:

- 1° kubyara bitagira ingaruka mbi ku mubyeyi no ku mwana uvuka;
- 2° kwita ku buzima bw'umwana wavutse;
- 3° kuboneza urubyaro;
- 4° gukumira no kuvura indwara zandurira mu myanya ndangagitsina harimo na virusi itera SIDA;
- 5° gukumira no kuvura izindi ndwara zihungabanya ubuzima bw'imyororokere;
- 6° gukumira no kwita ku bibazo by'ubugumba;
- 7° gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku warikorewe;
- 8° gukora ubukangurambaga mu rwego rwo guhindura imyumvire.

- 1° safe delivery for the mother and the new-born;
- 2° care of the new-born;
- 3° family planning;
- 4° prevention and treatment of sexually transmitted infections including HIV/AIDS;
- 5° prevention and treatment of other infections that are harmful to human reproductive health;
- 6° prevention and treatment of infertility;
- 7° prevention of gender-based violence and care for victims thereof;
- 8° raising awareness with the aim of attitudinal change.

- 1° accouchement sans risques pour la mère et pour l'enfant qui naît;
- 2° soins au nouveau-né;
- 3° planification familiale;
- 4° prévention et traitement des maladies sexuellement transmissibles y compris le VIH/ SIDA;
- 5° prévention et traitement d'autres maladies qui nuisent à la santé de la reproduction humaine;
- 6° prévention et traitement de la stérilité;
- 7° prévention de la violence basée sur le genre et soins à ses victimes;
- 8° sensibilisation pour le changement de mentalités.

Ingingo ya 4: Ububasha bwo gukurikirana ibikorwa bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu

Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano ni yo ifite ububasha bwo gukurikirana ibikorwa bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu.

Iteka rya Minsitiri w'Intebe rigena uruhare rw'izindi nzego mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu.

UMUTWE WA II: UBURENGANZIRA MU BYEREKEYE UBUZIMA BW'IMYOROROKERE Y'ABANTU

Ingingo ya 5: Uburenganzira bungana ku buzima bw'imyororokere y'abantu

Umuntu wese afite uburenganzira bungana n'ubw'undi mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu.

Ntawe ushobora kuvutswa ubwo burenganzira kubera ivangura iryo ariryo ryose.

Ingingo ya 6: Uburenganzira bw'umugore utwite, uwabyaye n'ubw'umwana wavutse

Umugore utwite, uwabyaye n'umwana wavutse bafite uburenganzira bwo kwitabwaho kugira ngo bagire ubuzima bwiza.

Article 4: Authority to monitor and supervise human reproductive health-related activities

The Ministry in charge of health has the authority to monitor human reproductive health-related activities.

A Prime Minister's Order determines the role of other institutions in activities related to human reproductive health.

CHAPTER II: RIGHTS IN TERMS OF HUMAN REPRODUCTIVE HEALTH

Article 5: Equal rights to human reproductive health

All persons have equal rights in relation to human reproductive health.

No person shall be denied such rights based on any form of discrimination.

Article 6: Right of a pregnant woman, a woman who has given birth and the new-born

A pregnant woman, a woman who has given birth and a new-born have the right to be cared for so as to ensure their well being.

Article 4: Autorité de suivi et de supervision des activités liées à la santé de la reproduction humaine

Le Ministère ayant la santé dans ses attributions est la seule autorité habilitée à faire le suivi des activités liées à la santé de la reproduction humaine.

Un arrêté du Premier Ministre détermine le rôle d'autres institutions dans les activités liées à la santé de la reproduction humaine.

CHAPITRE II: DROITS EN MATIERE DE SANTE DE LA REPRODUCTION HUMAINE

Article 5: Droits égaux à la santé de la reproduction humaine

Toutes les personnes jouissent de droits égaux en matière de santé de la reproduction humaine.

Nul ne peut être privé de ces droits sous quelque forme de discrimination que ce soit.

Article 6: Droit d'une femme enceinte, d'une femme ayant accouché et du nouveau-né

Une femme enceinte, une femme ayant accouché et le nouveau-né ont droit aux soins pour leur bien-être.

Ingingo ya 7: Uburenganzira bwo kwifatira icyemezo

Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko, umuntu wese ugejeje ku myaka y'ubukure afite uburenganzira bwo kwifatira icyemezo mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu.

Ingingo ya 8: Uburenganzira bwo kugezwaho inyigisho n'ibikorwa by'ubuvuzi

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugezwaho inyigisho n'ibikorwa by'ubuvuzi mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu.

Ingingo ya 9: Uburenganzira bwo kudakorerwaho ibikorwa byahungabanya ubuzima bw'imyororokere y'abantu

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kudakorerwaho igikorwa icyo ari cyo cyose cy'igerageza n'ibindi bikorwa byahungabanya ubuzima bw'imyororokere y'abantu.

Ingingo ya 10: Uburenganzira mu bijyanye no kwipimisha virusi itera SIDA

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kwipimisha ku bushake virusi itera SIDA kandi agahabwa igisubizo mu ibanga.

Birabujijwe gupima umuntu virusi itera SIDA iyo atabiyemereye. Iyakora igihe bisabwe n'inzego

Article 7: Right to decide

Subject to provisions of other laws, every person having attained the majority age has the right to decide for oneself in relation to human reproductive health issues.

Article 8: Right of access to education and medical services

Every person has the right of access to education and medical services related to human reproductive health.

Article 9: Right not to be subjected to any act likely to be harmful to human reproductive health

Every person has the right not to be subjected to any experiment or any other act likely to be harmful to human reproductive health.

Article 10: Right in terms of HIV/AIDS testing

Every person has the right to voluntarily undergo HIV/AIDS test and have his/her results in secret.

No person shall undergo unconsented HIV/AIDS testing. However, mandatory testing may be

Article 7: Droit de décision

Sous réserve des dispositions d'autres lois, toute personne ayant atteint l'âge de la majorité a le droit de décider par soi-même en matière de santé de la reproduction humaine.

Article 8: Droit d'accès à l'éducation et aux services médicaux

Toute personne a le droit d'accès à l'éducation et aux services médicaux en matière de santé de la reproduction humaine.

Article 9: Droit de ne pas être l'objet de tout acte pouvant nuire à la santé de la reproduction humaine

Tout individu a le droit de ne pas être l'objet de tout acte d'expérimentation ou de tout acte pouvant nuire à la santé de la reproduction humaine.

Article 10: Droit en matière de test de dépistage du VIH/SIDA

Tout individu a droit au test de dépistage volontaire du VIH/SIDA et d'obtenir des résultats en secret.

Le test de dépistage du VIH/SIDA sans le consentement de l'intéressé est interdit. Toutefois,

zibifitiye ububasha bikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

required upon request by competent organs in accordance with law.

le test de dépistage obligatoire peut se faire sur demande des instances compétentes et ce, conformément à la loi.

Mu gihe umuganga cyangwa undi mukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga abona ko ari ngombwa, ashobora gupima virusi itera SIDA umuntu wese udashobora kwifatira icyemezo kugira ngo abone uko amuvura, abyumvikanyeho n'umubyeyi we, umurera cyangwa ushinze kumwitaho.

A medical doctor or any other health professional may, if necessary, perform HIV/AIDS testing on an incapable person subject to consent by that person's biological parent, guardian or caretaker.

Lorsqu'un médecin ou tout autre professionnel de la santé constate qu'il est nécessaire de soumettre au test de dépistage du VIH/SIDA une personne incapable pour pouvoir la traiter, il en requiert le consentement du parent biologique, du tuteur ou de la personne assurant sa charge.

Ingingo ya 11: Uburenganzira bwo guhabwa serivisi n'ubuvuzi k'uwanduye virusi itera SIDA

Article 11: HIV/AIDS infected person's right to services and medical care

Article 11: Droit d'une personne infectée par le VIH/SIDA aux services et soins de santé

Umuntu wanduye virusi itera SIDA afite uburenganzira bwo guhabwa serivisi n'ubuvuzi bwa ngombwa hitawe ku mwihariko w'uburwayi bwe no ku bushobozi bw'Igihugu.

An HIV/AIDS infected person has the right to services and necessary medical care consonant with his/her disease conditions and taking into account the national financial capability.

Une personne infectée par le VIH/SIDA a droit aux services et soins de santé nécessaires correspondant à l'état de sa maladie et en tenant compte de la capacité financière du pays.

UMUTWE WA III: INSHINGANO MU BYEREKEYE UBUZIMA BW'IMYOROROKERE Y'ABANTU

CHAPTER III: OBLIGATIONS RELATING TO HUMAN REPRODUCTIVE HEALTH

CHAPITRE III: OBLIGATIONS EN MATIERE DE SANTE DE LA REPRODUCTION HUMAINE

Icyiciro cya mbere: Inshingano z'abantu ku giti cyabo

Section One: Obligations of individuals

Section première: Obligations des personnes à titre individuel

Ingingo ya 12: Kwirinda no kurinda abandi icyahungabanya ubuzima bw'imyororokere y'abantu

Article 12: Avoidance of any harm against one's human reproductive health and that of the others

Article 12: Prévention contre l'atteinte à la santé de la reproduction humaine personnelle et à celle des autres

Mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu, umuntu wese afite inshingano yo:

Regarding human reproductive health, every person has the obligation to:

En matière de santé de la reproduction humaine, toute personne a l'obligation de:

1° kwirinda icyahungabanya ubuzima bw'imyororokere ye, iy'umuryango we n'iy'abandi;

2° kwita ku mugore utwite, uwabyaye n'umwana wavutse;

3° kurinda no kubungabunga ubuzima bw'imyororokere bw'umuntu ugeze mu zabukuru, ufite ubumuga cyangwa udashobora kwifatira icyemezo.

1° avoid anything that can harm his/her personal reproductive health, that of his/her family and that of others;

2° take care of a pregnant woman, a woman who has recently given birth and a new-born;

3° protect and safeguard human reproductive health of an elderly person, a person with disability or a person incapable of making his/her own decision.

1° éviter tout ce qui peut nuire à sa propre santé de la reproduction, à celle de sa famille et à celle des autres;

2° prendre soin d'une femme enceinte, une femme ayant accouché et d'un nouveau-né ;

3° protéger et sauvegarder la santé de la reproduction humaine d'une personne âgée, d'une personne handicapée ou d'une personne incapable de prendre sa propre décision.

Ingingo ya 13: Kwirinda no kurinda abandi indwara zandurira mu myanya ndangagitsina

Article 13: Self-protection and protection of others against sexually transmitted diseases

Article 13: Autoprotection et protection des autres contre les maladies sexuellement transmissibles

Umuntu wese afite inshingano yo kwirinda no kurinda abandi indwara zandurira mu myanya ndangagitsina.

Every person has the obligation to protect himself/herself and protect others against sexually transmitted diseases.

Tout individu est tenu de se protéger et de protéger les autres contre les maladies sexuellement transmissibles.

Nta vangura cyangwa akato bikorerwa umuntu wanduye virusi itera SIDA.

Any discrimination or stigmatization against a person infected with HIV/AIDS is prohibited.

Toute discrimination ou stigmatisation contre une personne infectée du VIH/SIDA est interdite.

Ingingo ya 14: Kuganiriza abana ibyerekeye ubuzima bw'imyororokere y'abantu

Article 14: Discussion with children about human reproductive health

Article 14: Entretenir les enfants de la santé de la reproduction humaine

Umubyeyi wese cyangwa ushinze kurera umwana afite inshingano zo kuganiriza abana ibyerekeye ubuzima bw'imyororokere y'abantu.

Every biological parent or guardian has the duty to discuss with the children about human reproductive health.

Tout parent biologique ou tuteur a le devoir d'entretenir les enfants de la santé de la reproduction humaine.

Icyiciro cya 2: Inshingano za Leta, iz'ibigo byayo, iz'ibindi bigo bifite ubuzima bw'imyororokere y'abantu mu nshingano zabyo n'abafatanyabikorwa

Section 2: Obligations of the Government, public institutions, other institutions in charge of human reproductive health and partners

Section 2: Obligations de l'Etat, des établissements publics, d'autres institutions ayant la santé de la reproduction humaine dans leurs attributions et des partenaires

Ingingo ya 15: Inshingano za Leta mu rwego rwo guteza imbere ubuzima bw'imyororokere y'abantu

Article 15: Obligations of the Government to promote human reproductive health

Article 15: Obligations de l'Etat dans la promotion de la santé de la reproduction humaine

Mu rwego rwo guteza imbere ubuzima bw'imyororokere y'abantu, Leta ifite inshingano zikurikira:

In order to promote human reproductive health, the Government has the following obligations:

Dans le cadre de la promotion de la santé de la reproduction humaine, l'Etat a les obligations suivantes :

1° gushyiraho politiki y'ubuzima bw'imyororokere y'abantu;

1° to establish a human reproductive health policy;

1° mettre en place une politique de la santé de la reproduction humaine;

2° guhuza ibikorwa byose birebana n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu;

2° to coordinate all activities relating to human reproductive health;

2° coordonner toutes les activités relatives à la santé de la reproduction humaine;

3° gushyira muri buri bitaro no muri buri kigo nderabuzima serivisi yihariye ishinze kubungabunga ubuzima bw'imyororokere y'abantu kandi ikagenerwa imiti, ibikoresho n'ibindi bya ngombwa bituma yuzuza inshingano zayo;

3° to establish a specific unit in charge of human reproductive health in each hospital and health centre with medicines, equipment and other means necessary to fulfil its mission;

3° mettre en place, dans chaque hôpital et centre de santé, un service spécial chargé de la santé de la reproduction humaine et muni de médicaments, équipements et autres moyens nécessaires pour s'acquitter de sa mission;

4° gushishikariza no gufasha abagore kubyarira kwa muganga no kugira uruhare mu gufata ibyemezo ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu;

4° to sensitize and assist pregnant women to deliver at health facilities and play their role in taking decisions on human reproductive health;

4° sensibiliser et aider les femmes à accoucher dans des établissements de santé et participer dans la prise de décisions relatives à la santé de la reproduction humaine;

Official Gazette n° 23 of 06/06/2016

- | | | |
|--|--|--|
| 5° gufasha abantu batishoboye n'abadashobora kwifatira ibyemezo kubona serivisi zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu; | 5° to help destitute persons and incapable persons have access to human reproductive health services; | 5° aider les personnes démunies et les personnes incapables à avoir accès aux services relatifs à la santé de la reproduction humaine; |
| 6° guhugura ku buryo buhoraho abakora umwuga w'ubuvuzi, abajyanama b'ubuzima, abarimu, abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abatwaga, abikorera ndetse n'urubyiruko mu biyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu; | 6° to train on a regular basis health professionals, community health workers, teachers, authorities of decentralized administrative entities, the private sector and the youth on human reproductive health ; | 6° assurer une formation continue des professionnels de santé, agents de santé communautaire, enseignants, autorités d'entités administratives décentralisées, membres du secteur privé et jeunes sur la santé de la reproduction humaine; |
| 7° gukangurira inzego zose z'imirimo gushishikariza abakozi bazo ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu; | 7° to sensitize all employer institutions to encourage their staff to know about human reproductive health; | 7° sensibiliser toutes les institutions de travail à encourager leurs agents à avoir des connaissances en rapport avec la santé de la reproduction humaine; |
| 8° kugira ubufatanye n'abikorera mu bikorwa biyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu no gukurikirana uko bishyirwa mu bikorwa n'abandi bafatanyaga bikorwa; | 8° to build partnerships with the private sector in activities related to human reproductive health and monitor their implementation by other partners; | 8° établir le partenariat avec le secteur privé dans les activités en rapport avec la santé de la reproduction humaine et assurer le suivi de leur mise en œuvre par d'autres partenaires ; |
| 9° gukora no gutangaza ubushakashatsi ku byerekeye ubuzima bw'imyororokere y'abantu; | 9° to conduct and publish research on human reproductive health; | 9° mener et publier des recherches sur la santé de la reproduction humaine ; |
| 10° gukora ikindi cyose cyateza imbere ubuzima bw'imyororokere y'abantu. | 10° to perform any other activity that may promote human reproductive health. | 10° mener toute autre action susceptible de promouvoir la santé de la reproduction humaine. |

Ingingo ya 16: Kwita ku mugore utwite, urimo kubyara, uwabyaye no ku mwana wavutse

Leta, ibigo byayo n'ibindi bigo bitanga serivisi z'ubuzima bw'imyororokere y'abantu bifite inshingano yo kwita ku mugore utwite, urimo kubyara, uwabyaye n'umwana wavutse.

Ingingo ya 17: Kwegereza imiti n'ubuvuzi bya ngombwa ababikeneye

Leta, ibigo byayo n'ibindi bigo bifite ubuzima bw'imyororokere y'abantu mu nshingano zabyo bifite inshingano yo kwegereza umuntu wese ubikeneye, imiti n'ubuvuzi bya ngombwa bituma agira ubuzima bw'imyororokere bwiza.

Ingingo ya 18: Gutanga serivisi zinoze mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu

Abakozi ba Leta, ab'ibigo bya Leta n'ibindi bigo bitanga serivisi mu bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu bafite inshingano yo kwakira neza, kwita ku babagana no kubaha serivisi zinoze kandi zihuse nta vangura iryo ariryo ryose.

Article 16: Care for a pregnant woman, a woman giving birth, a woman who has given birth and a new-born

The Government, public institutions and other institutions providing human reproductive health services have the obligation to take care of a pregnant woman, a woman giving birth, a woman who has given birth and a new-born.

Article 17: Providing necessary medicines and health services closer to those in need thereof

The Government, public institutions and other institutions in charge of human reproductive health have the obligation to provide necessary medicines and health services close to any person in need thereof for him/her to have good reproductive health.

Article 18: Provision of good services related to human reproductive health

Public servants, the staff of public institutions and other institutions providing services related to human reproductive health are required to provide good customer care and give to clients fast and high quality service without any discrimination.

Article 16: Soins pour une femme enceinte, une femme qui accouche, une femme ayant accouché et un nouveau-né

L'Etat, les établissements publics et d'autres établissements prestataires de services de santé de la reproduction humaine ont l'obligation de prendre soin d'une femme enceinte, une femme qui accouche ou ayant accouché et d'un nouveau-né.

Article 17: Rapprocher les médicaments et les services de santé nécessaires à ceux qui en ont besoin

L'Etat, les établissements publics et d'autres établissements ayant la santé de la reproduction humaine dans leurs attributions ont l'obligation de rapprocher les médicaments et les services de santé de toute personne qui en a besoin pour qu'elle jouisse d'une bonne santé de la reproduction.

Article 18: Prestation de bons services en rapport avec la santé de la reproduction humaine

Les agents de l'Etat, des établissements publics et des établissements prestataires de services en rapport avec la santé de la reproduction humaine ont l'obligation de réserver un bon accueil aux clients et de leur offrir un service rapide et de qualité sans discrimination aucune.

Ingingo ya 19: Gutanga inyigisho zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu mu mashuri

Mu nteganyanyigisho z'ibyiciro binyuranye by'amashuri n'iz'ibigo byigisha gusoma no kwandika hagomba guteganywa amasomo ajyanye n'ubuzima bw'imyororokere y'abantu.

Iteka rya Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze rigena uburyo ibikubiye muri iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 20: Gukangurira abantu kuboneza urubyaro

Leta, ibigo byayo, ibigo bifite ubuzima bw'imyororokere y'abantu mu nshingano zabyo n'abandi bafatanyabikorwa bifite inshingano zikurikira:

1° gukangurira abantu kwitabira gahunda yo kuboneza urubyaro no kubegereza ibyangombwa byabafasha kubigeraho hagamijwe imibereho myiza;

2° gukangurira umugabo n'umugore kugira imyumvire imwe hagamijwe ubufatanye n'ubwumvikane mu bijyanye no kuboneza urubyaro;

Article 19: Education in schools regarding human reproductive health

The educational curricula of different categories of schools and literacy centres must provide courses on human reproductive health.

An Order of the Minister in charge of education determines modalities for the implementation of the provisions of this article.

Article 20: Public awareness about family planning

The Government, public institutions, institutions in charge of human reproductive health and other partners have the following obligations:

1° raising public awareness on the adoption of family planning and bringing close to the people all the necessary materials enabling them to make it for their welfare;

2° sensitizing spouses to have common understanding for their cooperation and agreement in relation to family planning;

Article 19: Education en rapport avec la santé de la reproduction humaine à l'école

Les curricula d'enseignement de différentes catégories d'écoles et de centres d'alphabétisation doivent prévoir les cours de santé de la reproduction humaine.

Un arrêté du Ministre ayant l'éducation dans ses attributions détermine les modalités de mise en application des dispositions du présent article.

Article 20: Sensibilisation de la population à la planification familiale

L'Etat, les établissements publics, les établissements ayant la santé de la reproduction humaine dans leurs attributions et d'autres partenaires ont les obligations suivantes:

1° sensibiliser la population à adopter la planification familiale et apporter à leur proximité tout le nécessaire leur permettant d'y arriver en vue de son bien-être;

2° sensibiliser les conjoints à adopter une perception commune en vue de leur collaboration et leur entente dans le cadre de la planification familiale;

3° gukangurira urubyiruko ibijyanye no kuboneza urubyaro.

3° raising youth awareness on family planning.

3° sensibiliser la jeunesse à la planification familiale.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

Article 21: Repealing provision

Article 21: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 22: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 22: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 22: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 23: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 23: Commencement

Article 23: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 20/05/2016

Kigali, on 20/05/2016

Kigali, le 20/05/2016

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE PRIME MINISTER'S ORDER N°132/03 OF ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°132/03 RYO KU WA 26/05/2016 26/05/2016 APPOINTING A N°132/03 DU 26/05/2016 PORTANT
RISHYIRAHOKOMISERI COMMISSIONER NOMINATION D'UN COMMISSAIRE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho

Article One: Appointment

Article premier: Nomination

Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°132/03 RYO KU WA 26/05/2016
RISHYIRAHU KOMISERI**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°132/03 OF
26/05/2016 APPOINTING A
COMMISSIONER**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°132/03 DU 26/05/2016 PORTANT
NOMINATION D'UN COMMISSAIRE**

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122, n'ya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 4, iya 6 n'ya 8;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 4, 6 and 8;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 4, 6, et 8;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Upon proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 19/02/2016, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 19/02/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 19/02/2016;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho

Article One: Appointment

Article premier: Nomination

Bwana KAYIHURA MUGANGA Didas agizwe *Rwanda Commissioner of the East African Competition Authority* muri Minisitiri ishinze Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.

Mr. KAYIHURA MUGANGA Didas is appointed Rwanda Commissioner of the East African Competition Authority in the Ministry of East African Community.

Monsieur KAYIHURA MUGANGA Didas est nommé *Rwanda Commissioner of the East African Competition Authority* au Ministère Chargé des Affaires de la Communauté Est Africaine.

Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri ushinze Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera ku wa 19/02/2016.

Kigali, ku wa 26/05/2016

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of East African Community, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 4: Commencement

This Order comes into force on the date of its signature. It takes effect as of 19/02/2016.

Kigali, on 26/05/2016

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre Chargé des Affaires de la Communauté Est Africaine, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 19/02/2016.

Kigali, le 26/05/2016

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)

UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

(sé)

UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

(sé)

UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°133/03 RYO KU WA 26/05/2016
RISHYIRAHU UMUYOBOZI MUKURU

PRIME MINISTER'S ORDER N°133/03 OF
26/05/2016 APPOINTING A DIRECTOR
GENERAL

ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°133/03 DU 26/05/2016 PORTANT
NOMINATION D'UN DIRECTEUR
GENERAL

